# INZEGO Z'UBUYOBOZI ZA THINK TANK ISOOKO

Inzego z'ubuyobozi za TTI ni izi :

A. Inteko rusange y'umuryango
B. Inama y'ubuyobozi
C. Biro Nyobozi
D. Ibiro by'igihugu cyangwa akarere
E. Komite zihariye
F. Amatsinda / Komisiyo anyuranye
G. Urwego ngenzuramutungo

## A. INTEKO RUSANGE Y'UMURYANGO

Inteko rusange y'umuryango (AG) ni urwego rukuru rw'umuryango.
Igizwe n'abanyamuryango bose.
Ifite ububasha busesuye mu gufata ibyemezo byose birebana n'umuryango.
Ifite kandi ububasha bwose ihabwa n'amategeko muri rusange, n'amategeko shingiro y'umuryango by'umwihariko.

### B. INAMA Y’UBUYOBOZI

Inama y'ubuyobozi (CA) ni urwego rureberera ishyirwa mu bikorwa ry’ibyifuzo by’abanyamuryango biba byagaragajwe mu nteko rusange, ndetse n’ishyirwa mu bikorwa ry'imigambi ya Think Tank Isooko.

Inama y'ubuyobozi ifite inshingano zo kugena ingamba n’imirongo migari bya Think Tank Isooko.

Inama y'ubuyobozi ya Think Tank Isooko igizwe n'abayobozi batorwa n'inteko rusange nk'uko biteganywa n'amategeko shingiro y’umuryango.

### C. IBIRO NYOBOZI

Biro Nyobozi (BE) ni urwego rw'ubuyobozi rukuru, Ni igice gito cy'anama y'ubuyobozi

Biro Nyobozi ya Think Tank Isooko igizwe na:

1. Perezida
2. Visi Perezida wa mbere
3. Visi Perezida wa kabiri
4. Umunyamabanga mukuru akaba n’Umuvugizi
5. Umunyamabanga mukuru wungirije
6. Umubitsi mukuru
7. Umubitsi mukuru wungirije

Biro Nyobozi ishinzwe gushyira mu bikorwa ibyemezo by’Inama nkuru y’ubuyobozi.

Biro Nyobozi ishinzwe gucunga imirimo ya buri munsi y’ibikorwa bya Think Tank Isooko.

### D. IBIRO BY’IGIHUGU CYANGWA BY’AKARERE

Think Tank Isooko ishinga ibiro by'igihugu cyangwa iby'akarere mu bihugu bitandukanye igihe bikenewe mu nyungu umuryango.

Uretse icyicaro gikuru, kugira ngo hashyirweho ibiro by'igihugu cyangwa iby'akarere mu kindi gihugu cyangwa mu karere, bisaba ko muri icyo gihugu

cyangwa muri ako karere haba nibura abanyamuryango 5 ba Think Tank Isooko.

Ibiro by'igihugu cyangwa iby'akarere bigizwe na :

1. Umuyobozi w'igihugu cyangwa uw'akarere
2. Umunyamabanga
3. Umubitsi
4.

Ibiro by'igihugu cyangwa iby'akarere bishyira mu bikorwa ibyemezo by'inteko rusange n'inama nkuru y'ubuyobozi.
Byita ku mishinga cyangwa imirimo yihariye byahawe n'inama y'ubuyobozi.

### E. KOMITE ZIHARIYE

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa inshingano z'ubuyobozi yahawe n'inteko rusange, inama y'ubuyobozi ishobora gufashwa na Komite zihariye. Inama y'Ubuyobozi ishobora gushyiraho komite zose zikenewe.

Komite zateganijwe kugira ngo zubahirize izo nshingano ni izi :

1. Komite yo guhuza no gukemura amakimbirane mu muryango
2. Komite ngishwanama
3. Komite nshingwabumenyi
4. Komite yo gushaka no gushyira abantu mu myanya
5. Komite y'ikoranabuhanga
6. Komite ishinzwe inyandiko
7. Komite y'itangazamakuru n'imibanire n'abaturage
8. Komite ngenzuramutungo

### F. AMATSINDA / KOMISIYO ANYURANYE

Komisiyo zishinzwe gukurikirana imishinga, gukora inyigo n'ubushakashatsi bw'ingenzi ku nsanganyamatsiko zatoranyijwe n'umuryango.

Think Tank Isooko ikora ku nsanganyamatsiko zikurikira :

1. Umubano mpuzamahanga, amahoro n'umutekano
2. Politiki rusange n'imiyoborere myiza
3. Politiki z'ubukungu n'imibereho myiza
4. Ukuri, ubutabera n'ubwiyunge
5. Ubushakashatsi ku mateka no kubungabunga amateka

Buri tsinda / komisiyo isohora inyandiko zigaragaza ibisubizo by'isesengura n'ubushakashatsi ku nsanganyamatsiko yahawe, ikazishyikiriza inama nkuru nyobozi.

## G. URWEGO NGENZURAMUTUNGO

Ni urwego rwigenga rushinzwe kugenzura imikoreshereze y'imari n'umutongo by'umuryango.
Abarugizwe batorwa n'inteko rusange y'umuryango.

Uru rwego rugizwe :

1. Umugenzuzi rusange
2. Umugenzuzi rusange wungiririje
3. Umunyamabanga w'urwego ngenzuramutungo

Inshingano z'urwego rw'ubugenzuzi bw'imari ni izi :

1. Kugenzura ukuri kw'amakuru ari mu maraporo ajyanye n'imari n'imicungire y'umutungo w'umuryango
2. Gukurikirana imicungire y'imari y'umuryango
3. Kugenzura inyandiko z'imari
4. Gushyikiriza inteko rusange raporo kugirango yemeze icunga ry'umutungo, bityo abagize inama y'ubuyobozi na Biro Nyobozibyenzwe ko bacunze neza umutungo ku buryo batakurikiranwa n'inkiko.
5. Mu gihe bikenewe, Biro Nyobozi inshobora gushyiraho umucungamari w'umwuga kugira ngo asohoze neza inshingano zahawe urwego ngenzuramutungo.